# 377: Reka twongere twishimire Rwa rukundo

1. Reka twongere twishimire Rwa rukundo
rudahinduka N'amaraso twahongerewe Ku Musarab' i Gologota.

Ref: Twogez' ibya Yesu Tumusingiz' iteka ryose! Twogez' Ibya Yesu, Kugez' ubwo tuzaban' i we

2. Muze mwese, mwitabe Yesu, Mwisuke mu maraso none, Mwakir' ubuntu n'imbabazi, Mubiheshwe na za ntimba ze.

3. Turi mw isi, tunezererwa Imigisha dusogongeye, Ariko ni tumwirebera, Tuzicwa n'umunezero pe !

4. Tujye twambar' iryo zina rye, Tumukurikire mu nzira.Yes' azaza mu minsi mike; Tuzajya kumusanganira.

5. Yesu, wez' imitima yacu, Twuzure na bagenzi bacu, Ni ho tuzaba twiteguye Kugusanganir' ugarutse.

Visit us at burundi.indirimbo.com